# 247: unyigishe Mukiza,Iby’Umusaraba

1.

unyigishe Mukiza,Iby’Umusaraba N'icyatumy’ uza mw isi,Ukatubambirwa Umenyeshe umumaro W'umunyabyah’ umwe, Umbwire n'igiciro Wanshungurishije !

2.

Unyigishe n'impamvu Y'isok’ itukura Yo mu rubavu rwawe,Urwo bacumise, Ari jye gusa mw isi: Wacumuy’ Imana,Uba warayavuye Ngw’amber’ impongano.

3.

unyerek'urukundo rutarondoreka rwamanutse i kuzimu ku bwacu abihebe.uyu mutim'ukonje wuzuy'inarijye ,uwatsemwo urukundo ruva i Gologota

4.

Unyigishe,Mukiza:ndi umunyabyaha pe icyantabara,mwami ni ubuntu bwonyine Yesu ni jy'ugukennye:mu bo wapfiriye b'abanyabyaha babi,ni jyewe ukabije

5.

Mukiza wanjye,Yesu ni wowe nizeye maze ubwo umpamagaye,ndakwiyeguriye none ubwo unyakiriye,njye nshima imbabazi na rwa rukundo unkunda,mbivuge ndinde mfa.

Visit us at indirimbo.com